

<p><b>CENTRE FOR PEACE, DEMOCRATIC GOVERNANCE AND DEVELOPMENT"CPDG"</b></p> <p>Umuryango nyarwanda utari uwa Leta</p> <p><b><u>AMATEGEKO SHINGIRO</u></b></p> <p><b>UMUTWE WA MBERE</b></p> <p><b>IZINA, ICYICARO, IGIHE, INTEGO N'IBIKORWA</b></p> <p><b><u>Ingingo ya mbere</u></b> Abashyize umukono kuri iyi nyandiko bashinze umuryango witwa “<b>Centre for Peace, Democratic Governance and Development</b>” (CPDG) ugengwa n’itegeko N°04/2012 ryo kuwa 17/02/2012 rigena imitunganyirize n’imikorere by’imiryango nyarwanda itari iya Leta.</p> <p><b><u>Ingingo 2:</u></b> Icyicaro cy’Umuryango gishyizwe mu karere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali. Icyicaro gishobora ariko kwimurirwa ahandi byemejwe na 3/4 by’abagize Inteko Rusange y’Umuryango.</p> <p><b><u>Ingingo ya 3 :</u></b> Umuryango ukorera imirimo yawo mu Rwanda no bindi bihugu byo mu Karere k’Afrika yo hagati n’iy’iburasirazuba. Igihe uzamara ntikigenwe.</p>	<p><b>CENTRE FOR PEACE, DEMOCRATIC GOVERNANCE AND DEVELOPMENT "CPDG"</b> Organisation non-gouvernementale</p> <p><b><u>STATUTS</u></b></p> <p><b><i>CHAPITRE PREMIER</i></b></p> <p><b>DENOMINATION, SIEGE, DUREE, MISSION ET ACTIVITES</b></p> <p><b><u>Article premier:</u></b> Il est constitué entre les soussignés, une organisation dénommée <b>and “Centre for Peace, Democratic Governance and Development ” (CPDG)</b> régie par les dispositions de la loi N°04/2012 du 17/02/2012, portant organisation et fonctionnement des organisations nationales non-gouvernementales.</p> <p><b><u>Article 2</u></b> Le siège de l’Organisation est dans le District de Nyarugenge, Ville de Kigali. L’Assemblée Générale peut décider de transférer le Siège à un autre endroit après vote par les 3/4 de ses membres.</p> <p><b><u>Article 3 :</u></b> L’Organisation exerce ses activités au Rwanda et sur le territoire des pays d’Afrique Centrale et de l’Est. Elle est créée pour une durée indéterminée.</p>	<p><b>CENTRE FOR PEACE, DEMOCRATIC GOVERNANCE AND DEVELOPMENT "CPDG"</b> Non-governmental organization</p> <p><b><u>CONSTITUTION</u></b></p> <p><b><i>CHAPTER ONE</i></b></p> <p><b>NAME, HEAD OFFICE, DURATION, MISSION AND ACTIVITIES</b></p> <p><b><u>Article one:</u></b> The undersigned people convene to create a non-profit making association named “<b>Center for Peace, Democratic Governance and Development</b>” (CPDG) governed by the Law n° 04/2012 of 17/02/2012 governing the organizations and the functioning of national non-governmental organizations.</p> <p><b><u>Article 2 :</u></b> The Organization shall be headquartered in Nyarugenge District, City of Kigali. The General Assembly may decide to move the headquarter to another place upon vote of 3/4 of its members.</p> <p><b><u>Article 3 :</u></b> The Organization shall carry out its activities in Rwanda and all over the Central and Eastern Africa Countries. It is created for an undetermined duration.</p>
---	--	--

<p><b>Ingingo 4:</b> Intego rusange y'Umuryango ni ugutegura no gushyira mu bikorwa gahunda zo kwimakaza amahoro, imiyoborere ishingiyeye kuri demokarasi n'iterambere mu Rwanda no mu bindi bihugu bya Afrika yo hagati n'iy'iburasirazuba, hashyirwaho ikigo cy'ubushakashatsi cy'inzobere mu bumenyi ku byerekeye amahoro, demokarasi, imiyoborere myiza n'iterambere.</p> <p>Ibikorwa by'umuryango ni:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>● Gutegura no kugira uruhare mu guteza imbere amahoro n'imiyoborere ishingiyeye kuri demokarasi;</li> <li>● Kongerera ubushobozi imiryango itari iya Leta, amashyamba n'imitwe ya politiki, abayobozi batowe kugira ngo babe umusemburo w'amahoro, demokarasi, imiyoborere myiza n'iterambere; by'umwihariko kongera ubushobozi bwo gusesengura gahunda n'igenamigambi no guhana urubuga rwo kungurana ibitekerezo;</li> <li>● Gukangurira abaturage cyane cyane uruburako n'abagore kugira uruhare mu bibakorerwa, kwimakaza umuco wa demokarasi, no guteza imbere imiyoborere myiza;</li> <li>● Guteza imbere inzira y'amatora akozwe mu mucyo, akoranywe ubumenyi kandi akoresheje uburyo bworoheje;</li> <li>● Guteza imbere ubushakashatsi mu rwego rwo gushimangira amahoro,</li> </ul>	<p><b>Article 4 :</b> La mission de l'Organisation est de concevoir et de mettre en œuvre les stratégies de promotion de la paix, de la gouvernance démocratique et du développement au Rwanda et dans les pays d'Afrique Centrale et de l'Est, tout en constituant un Centre de recherche et d'expertise sur la pratique de leadership technique et intellectuel dans les domaines de la paix, la démocratie, la bonne gouvernance et le développement.</p> <p>Ses activités sont:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>● Développer et fournir de nouveaux outils pour la promotion de la paix et la gouvernance démocratique;</li> <li>● Renforcer la capacité de la société civile, les partis politiques et les élus, comme des agents de la paix, du processus démocratique et de développement, en particulier leur capacité d'analyse et d'évaluation des politiques publiques, et de renforcer l'organisation des opportunités de dialogue entre eux;</li> <li>● Sensibiliser les citoyens sur la culture démocratique et la participation au processus de gouvernance en particulier les femmes et les jeunes;</li> <li>● Promouvoir la transparence et la responsabilisation, le professionnalisme et l'efficacité du processus électoral;</li> <li>● Promouvoir la connaissance à travers la recherche appliquée dans les domaines de</li> </ul>	<p><b>Article 4:</b> The mission of the Organization is to design and implement the promotion of peace, democratic governance and development strategies in Rwanda, in Central and Eastern African Countries, while constituting a research and knowledge management Centre practicing technical and intellectual leadership in the area of peace, democracy, good governance and development.</p> <p>Its activities are:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>● Develop and offer new tools for promoting peace and democratic governance ;</li> <li>● Strengthen the capacity of civil society, political parties and elected officials, as agents of peace, democratic process and development, in particular, their capacity for analysis and evaluation of public policies, and strengthen opportunities for dialogue between them;</li> <li>● Promote citizen awareness, democratic culture and citizen participation, particularly of women and youth in governance process;</li> <li>● Promote transparency and accountability, professionalism and efficiency of the electoral process ;</li> <li>● Creation of knowledge through applied researches in the area of peace,</li> </ul>
---	--	--

<p>demokarasi, imiyoborere myiza n'iterambere;</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>● Guteza inbere umuco wo guhanga udushya no gusangiza abandi ubumenyi ku mahoro, demokarasi, imiyoborere myiza n'iterambere ku rwego rw'Igihugu, mu Karere no ku rwego rw'Isi.</li> </ul> <p><b><u>UMUTWE WA II: ABANYAMURYANGO</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 5:</u></b> Umuryango ugizwe n'abanyamuryango bawushinze, abawinjiramo, n'ab'icyubahiro;</p> <p>Abashinze Umuryango ni abashize umukono kuri aya mategeko shingiro;</p> <p>Abawinjiramo ni abantu babisaba bamaze kwiyemeza gukurikiza aya mategeko shingiro, bakemerwa n'Inteko Rusange ;</p> <p>Abanyamuryango b'icyubahiro ni abantu cyangwa imiryango bemerwa n'Inteko Rusange kubera inkunga ishimishije batera umuryango. Bagishwa inama ariko ntibatora mu nama z'Inteko Rusange.</p> <p><b><u>Ingingo ya 6:</u></b> Abashinze umuryango n'abawinjiramo ni abanyamuryango nyakuri. Biyemeza kugira uruhare mu bikorwa byose by'Umuryango. Baza mu nama z'Inteko Rusange bafite uburenganzira bwo gutora kandi bagomba gutanga umusanzu ugenwa n'Inteko Rusange.</p>	<p>la paix, la démocratie, la bonne gouvernance et le développement.</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>● Promouvoir l'esprit d'innovation et d'échange d'expérience sur la paix, la démocratie, la bonne gouvernance et le développement a l'échelle nationale, régionale et internationale.</li> </ul> <p><b><u>CHAPITRE II : DES MEMBRES</u></b></p> <p><b><u>Article 5:</u></b> L'organisation se compose des membres fondateurs, membres adhérents et membres d'honneur; Sont membres fondateurs les signataires des présents statuts ;</p> <p>Sont membres adhérents les personnes physiques qui, sur demande et après avoir souscrits aux présents statuts, sont agréées par l'Assemblée Générale;</p> <p>Les membres d'honneur sont des personnes physiques ou morales auxquelles l'Assemblée Générale décerne cette qualité pour leur soutien appréciable apporté à l'organisation. Ils jouent un rôle consultatif mais n'ont pas le droit de vote lors des réunions de l'Assemblée Générale.</p> <p><b><u>Article 6:</u></b> Les membres fondateurs et les membres adhérents constituent les membres effectifs de l'organisation. Ils prennent l'engagement de participer à toutes les activités de l'organisation. Ils assistent aux réunions de</p>	<p>democracy, good governance and development at national, regional and international level;</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>● Promote innovations and experience sharing on peace, democracy, good governance and development at national, regional and international level.</li> </ul> <p><b><u>CHAPTER II: MEMBERSHIP</u></b></p> <p><b><u>Article 5:</u></b> The Organization is composed of founder members, adherent members and honorary members; Founder members are those who signed this constitution;</p> <p>Adherent members are physical persons who, upon request and after subscription to this constitution, shall be agreed by the General Assembly;</p> <p>Honorary members are physical or moral persons that are awarded that title by the General Assembly due to appreciable support rendered to the organization. They play a consultative role, but have no right to vote in the General Assembly's meetings.</p> <p><b><u>Article 6:</u></b> Founder members and adherent members constitute the effective membership of the Organization. They are committed to actively participate in all the activities of the</p>
---	---	--

<p><b><u>Ingingo ya 7:</u></b> Inzandiko zisaba kwinjira mu muryango zoherezwa Perezida wa Komite Nyobozi bikemezwa n'Inteko Rusange.</p> <p><b><u>Ingingo ya 8:</u></b> Gutakaza ubunyamuryango biterwa no gusezera ku bushake, kwirukanwa cyangwa iseswa ry'Umuryango;</p> <p>Usezeye ku bushake yandikira Perezida wa Komite Nyobozi bikemezwa n'Inteko Rusange;</p> <p>Icyemezo cyo kwirukana umunyamuryango gifatwa n'Inteko Rusange ku bwiganze bwa 2/3 bw'amajwi iyo atacyubahiriza aya mategeko shingiro n'amabwiriza mbonezamikorere y'Umuryango.</p> <p><b><u>UMUTWE WA GATATU: IBYEREKEYE INZEGO</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 9:</u></b> Inzego z'Umuryango zigizwe na:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>● Inteko Rusange,</li> <li>● Inama y'Ubuyobozi,</li> <li>● Komite Nyobozi</li> <li>● Inteko y'Ubushakashatsi</li> <li>● Urwego rushinzwe gukemura amakimbirane</li> <li>● Ubugenzuzi bw'imari</li> </ul>	<p>l'Assemblée Générale avec voix délibérative et sont tenus de verser une cotisation fixée par l'Assemblée Générale.</p> <p><b><u>Article 7:</u></b> Les demandes d'adhésion sont adressées par écrit au Président du Comité Exécutif et soumises à l'approbation de l'Assemblée Générale.</p> <p><b><u>Article 8:</u></b> La qualité de membre se perd par le retrait volontaire, l'exclusion ou la dissolution de l'Organisation ;</p> <p>Le retrait volontaire est adressé par écrit au Président du Comité Exécutif et soumis à l'approbation de l'Assemblée Générale ;</p> <p>L'exclusion est prononcée par l'Assemblée Générale à la majorité de 2/3 des voix contre un membre qui ne se conforme plus aux présents statuts et au règlement d'ordre intérieur de l'Organisation.</p> <p><b><u>CHAPITRE III: DES ORGANES</u></b></p> <p><b><u>Article 9 :</u></b> Les organes de l'Organisation sont les suivantes:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>● L'Assemblée Générale</li> <li>● Le Conseil d'Administration</li> <li>● Le Comité Exécutif</li> <li>● Le Conseil de Recherche</li> <li>● L'Organe chargé de résolution de conflits</li> <li>● Le Commissariat aux comptes</li> </ul>	<p>Organization. They attend the meetings of the General Assembly with the right to vote and have to give a contribution decided by the General Assembly.</p> <p><b><u>Article 7:</u></b> Applications for membership are addressed in writing to the President of the Executive Committee and submitted to the approval of the General Assembly.</p> <p><b><u>Article 8:</u></b> Loss of membership is caused voluntary resignation, exclusion or dissolution of the Organization;</p> <p>Voluntary resignation is written and addressed to the President of the Executive Committee and is approved by the General Assembly; Exclusion is adopted by the General Assembly upon the 2/3<sup>rd</sup> majority votes against any member who no longer conforms to this constitution and the internal regulations of the Organization.</p> <p><b><u>CHAPTER III: THE ORGANS</u></b></p> <p><b><u>Article 9:</u></b> The Organs of the Organization are the following:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>● The General Assembly</li> <li>● The Board of Directors</li> <li>● The Executive Committee</li> <li>● The Research Council</li> <li>● The Conflict resolution organ</li> </ul>
---	--	---

<p><b><u>Igice cya mbere: Ibyerekeye Inteko Rusange</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 10:</u></b> Inteko Rusange nirwo rwego rw'ikirenga rw'Umuryango. Igizwe n'abanyamuryango nyakuri. Abanyamuryango b'Icyubahiro bashobora kwitabira inama z'Inteko Rusange ariko ntibatora. Bafite inshingano gusa zo kujya inama.</p> <p>Umunyamuryango ashobora guhagararirwa n'undi munyamuryango mu nteko Rusange ariko uko guhagararirwa kugira agaciro mu nama imwe (1) kwasabiwe gusa ni ukuvuga ko uko guhagararirwa kudahoraho.</p> <p><b><u>Ingingo ya 11:</u></b> Inteko Rusange ihamagazwa kandi ikayoborwa na Perezida wa Komite Nyobozi; yaba adahari cyangwa atabonetse, bigakorwa na Visi-Perezida. Igihe Perezida na Visi-Perezida badahari, batabonetse cyangwa banze, Inteko Rusange ihamagazwa mu nyandiko isinyweho na kimwe cya kabiri (1/2) cy'abayigize. Icyo gihe, abagize Inteko bitoramo Perezida w'inama.</p> <p><b><u>Ingingo ya 12:</u></b> Inteko Rusange iterana rimwe (1) mu mwaka mu nama isanzwe. Inzandiko z'ubutumire zikubiyemo ibiri ku murongo w'ibiyigwa zishyikirizwa abanyamuryango nibura iminsi mirongo itatu (30) mbere y'uko inama iterana.</p> <p><b><u>Ingingo ya 13:</u></b> Inteko Rusange iterana kandi igafata ibyemezo icyo 2/3 by'abanyamuryango nyakuri bahari.</p>	<p><b><u>Section première : De l'Assemblée Générale</u></b></p> <p><b><u>Article 10 :</u></b> L'Assemblée Générale est l'organe suprême de l'Organisation. Elle est composée de tous les membres effectifs de l'Organisation. Les membres d'honneur peuvent participer aux réunions de l'Assemblée Générale mais ne peuvent pas voter. Ils ont le rôle de Conseillers. Un membre ordinaire peut être représenté par un autre membre à la réunion de l'Assemblée Générale mais cette représentation est seulement valable pour cette même réunion.</p> <p><b><u>Article 11 :</u></b> L'Assemblée Générale est convoquée et dirigée par le Président du Comité Exécutif ou en cas d'absence ou d'empêchement, par le Vice-Président. En cas d'absence, d'empêchement ou de défaillance simultanés du Président et du Vice-président, l'Assemblée Générale est convoquée par écrit par la moitié (1/2) de ses membres effectifs. Dans ce cas, l'Assemblée Générale élit en son sein un Président de la session.</p> <p><b><u>Article 12 :</u></b> L'Assemblée Générale se réunit une (1) fois par an en session ordinaire. Les invitations qui contiennent l'ordre du jour sont remises aux membres au moins trente (30) jours avant la réunion.</p> <p><b><u>Article 13 :</u></b> L'Assemblée Générale siège et délibère valablement lorsque les 2/3 des membres</p>	<p>● The Financial Audit Committee</p> <p><b><u>Section one: The General Assembly</u></b></p> <p><b><u>Article 10:</u></b> The General Assembly is the supreme body of the organization. It represents all the active members of the organization. Statutory Honorary members may attend General Assembly meetings. They have advisory capacity.</p> <p>Any member of the Organization may be represented by another member at the meeting of General Assembly; the proxy is valid for one meeting.</p> <p><b><u>Article 11:</u></b> The General Assembly is convened and chaired by the President of the Executive Committee by the Vice-President in case of absence. In case both the President and the Vice-President are absent or fail to convene it, the General Assembly is called upon by the half (1/2) of its effective members. In that case, the present members elect among themselves a Chairman for the session.</p> <p><b><u>Article 12:</u></b> The General Assembly gathers once a year in ordinary session. Invitation letters containing the agenda are transmitted to members at least thirty (30) days before the meeting.</p> <p><b><u>Article 13:</u></b> The General Assembly legally sits and</p>
---	--	--

<p>Iyo uwo mubare utuzuye, indi nama itumizwa mu minsi cumi n'itanu (15). Icyo gihe, Inteko Rusange iraterana kandi igafata ibyemezo bifite agaciro ititaye ku mubare w'abaje.</p> <p><b><u>Ingingo ya 14:</u></b> Inteko Rusange idasanze iterana buri gihe bibaye ngombwa. Ihamagazwa kandi ikayoborwa mu buryo bumwe nk'ubw'Inteko Rusange isanzwe. Igihe cyo kuyitumiza gishyizwe ku minsi cumi n'itanu (15), ariko gishobora kumanurwa ku minsi irindwi (7) iyo hari ikibazo cyihutirwa cyane. Impaka zigibwa gusa ku kibazo cyateganyijwe mu butumire.</p> <p><b><u>Ingingo ya 15:</u></b> Uretse ibiteganywa ukundi n'itegeko ryerekeye imiryango nyarwanda itari iya Leta hamwe n'aya mategeko shingiro, ibyemezo by'Inteko Rusange bifatwa hakurikijwe ubwiganze busesuye bw'amajwi. Iyo amajwi angana, irya Perezida rigira uburemere rw'ababiri.</p> <p><b><u>Ingingo ya 16</u></b> Inteko Rusange ifite ububasha bukurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Gushyiraho umurongo rusange ngenderwaho w'Umuryango;</li> <li>• Kwemeza no guhindura amategeko shingiro n'amabwiriza nengamikorere;</li> <li>• Gutora no kuvanaho abagize Inama y'Ubuyobozi;</li> <li>• Gutora no kuvanaho abagize</li> </ul>	<p>effectifs sont présents. Si ce quorum n'est pas atteint, une nouvelle convocation est lancée dans un délai de quinze (15) jours. A cette occasion, l'Assemblée Générale siège et délibère valablement quel que soit le nombre de participants.</p> <p><b><u>Article 14 :</u></b> L'Assemblée Générale extraordinaire se tient autant de fois que de besoin. Les modalités de sa convocation et de sa présidence sont les mêmes que celles de l'Assemblée Générale ordinaire. Les délais de sa convocation sont fixés à quinze (15) jours, mais peuvent être réduits à sept (7) en cas d'extrême urgence. Les débats ne portent que sur la question à l'ordre du jour.</p> <p><b><u>Article 15 :</u></b> Sauf pour les cas expressément prévus par la loi relative aux organisations nationales non-gouvernementales et par les présents statuts, les décisions de l'Assemblée Générale sont prises à la majorité absolue des voix. En cas de parité de voix, celle du Président compte double.</p> <p><b><u>Article 16</u></b> L'Assemblée Générale est dotée des pouvoirs ci-après :</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Définir les grandes lignes de l'action de l'organisation ;</li> <li>• Adopter et modifier les statuts et les règlements d'ordre intérieur de l'organisation ;</li> <li>• Elire et révoquer les membres du Conseil d'Administration ;</li> </ul>	<p>deliberates when it gathers the 2/3<sup>rd</sup> effective membership. In case the quorum is not attained, a second meeting is convened within fifteen (15) days. On that occasion, the General Assembly gathers and takes valuable resolutions irrespective to the number of participants.</p> <p><b><u>Article 14:</u></b> The extraordinary General Assembly is convened as often as it deems necessary. The modalities in which it is convened and chaired are the same as for the ordinary one. The deadline to convene it is fifteen (15) days, but can be reduced to seven (7) days in case of extreme emergency. Debates shall deal only with the matter on the agenda.</p> <p><b><u>Article 15:</u></b> Except for cases willingly provided for by the law governing the national non-governmental organizations and the present constitution, the resolutions of the General Assembly are valuable when adopted by the absolute majority votes. In case of equal votes, the President has the casting vote.</p> <p><b><u>Article 16</u></b> The General Assembly has the following powers to:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Define the General policy of the center</li> <li>• Adopt and to modify the constitution (statute) and internal regulations of the organization;</li> <li>• Appoint and to dismiss a member of</li> </ul>
---	---	--

<p>Komite Nyobozi;</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Kwemerera, guhagarika no kwirukana umunyamuryango;</li> <li>• Gutora bagize Komite Nyobozi y'Umuryango ;</li> <li>• Kwemeza buri mwaka ibikorwa, za raporo n'imicungire y'imari;</li> <li>• Kwemera impano n'indagano;</li> <li>• Gusesa Umuryango.</li> </ul> <p><b><u>Igice cya kabiri: Ibyerekeye Inama y'Ubuyobozi</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 17:</u></b> Inama y'Ubuyobozi igizwe n'abantu b'inararibonye b'Abanyarwanda n'abanyamahanga batoranywa kubera ibikorwa byabo by'indashyikirwa bijyanye n'itego z'Umuryango cyangwa ibikorwa n'inkunga bakoreye Umuryango kugirango utere imbere. Batoranywa ku giti cyabo nta nyungu z'indi miryango bahagarariye.</p> <p><b><u>Ingingo ya 18:</u></b> Inama y'Ubuyobozi igizwe n'abantu barindwi umubare munini wabo ni Abanyarwanda. Bitoramo abagize biro ari bo: Perezida na Visi-Perezida. Perezida wa Komite Nyobozi y'Umuryango ni we Munyamabanga w'inama y'ubuyobozi</p> <p><b><u>Ingingo ya 19:</u></b> Abagize Inama y'Ubuyobozi batorwa n'Inteko Rusange ku bwiganze busesuye. Manda yabo imara imyaka itanu (5) ishobora kongerwa. Abagize Inama y'ubuyobozi ntibagomba kuba</p>	<ul style="list-style-type: none"> <li>• Elire et révoquer les membres du Comité Exécutif;</li> <li>• Admettre, suspendre ou exclure un membre ;</li> <li>• Elire les membres du Comité Exécutif de l'Organisation ;</li> <li>• Approuver les programmes, les rapports et comptes annuels ;</li> <li>• Accepter les dons et legs ;</li> <li>• Dissoudre l'Organisation.</li> </ul> <p><b><u>Section deuxième: Du Conseil d'Administration</u></b></p> <p><b><u>Article 17:</u></b> Le Conseil d'Administration est composé de personnalités rwandaises et étrangères éminentes choisies sur leurs mérites dans les domaines liés aux objectifs et à l'action de l'Organisation en fonction de leur crédibilité ou de la capacité de soutenir l'Organisation et doter les moyens nécessaires à son rayonnement. Elles sont choisies sur une base personnelle, et non en tant que représentants de l'Organisation.</p> <p><b><u>Article 18 :</u></b> Le Conseil d'Administration est composé de sept membres, en majorité Rwandais. Il élit un bureau composé du Président et d'un Vice-Président. Le Président du Comité Exécutif de l'Organisation assure le secrétariat du Conseil d'Administration.</p> <p><b><u>Article 19 :</u></b> Les membres du Conseil d'Administration sont élus par l'Assemblée Générale pour un mandat de cinq (5) ans renouvelable. Les membres du Conseil d'Administration ne</p>	<p>the Board of Directors;</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Appoint et to dismiss members of the Executive Committee;</li> <li>• Admit, to suspend and to exclude a member;</li> <li>• Elect the members of Executive Committee of the Organization;</li> <li>• Approve the yearly accounts, action plans and reports of the organization;</li> <li>• Accept grants and inheritances;</li> <li>• Dissolve the Organization.</li> </ul> <p><b><u>Section Two: The Board of Directors</u></b></p> <p><b><u>Article 17:</u></b> The Board of Directors is composed of eminent Rwandan and foreign personalities chosen on their merits in the spheres related to the areas important for the organization's action, depending on their credibility or ability in the organization the means necessary for its radiation. They are chosen on a personal base, not as representatives of organization.</p> <p><b><u>Article 18:</u></b> The Board of Directors is composed of seven members, the majority of whom are Rwandans. It shall elect a bureau made of the Chairman and a Vice Chairman .The President of the Executive Committee of the organization is the Secretary of the Board of Directors.</p> <p><b><u>Article 19:</u></b> The members of the Board of Directors are elected by the General Assembly for a term of five (5) years renewable. Members of the</p>
--	--	---

<p>mubagize Komite nyobozi y'Umuryango.</p> <p><b><u>Ingingo ya 20:</u></b> Inama y'Ubuyobozi ifite inshingano zo gutuma Umuryango ugera ku nshingano zawo. Inama y'Ubuyobozi igira inama Komite Nyobozi by'umwihariko igakurikirana ko ibyemezo by'Inteko Rusange bishyirwa mu bikorwa;</p> <p>Inama y'Ubuyobozi ikurikirana ko umurungo ngenderwaho, ingengo y'imali, gahunda y'umwaka y'ibikorwa nk'uko byemejwe n'Inteko Rusange byose bishyirwa mu bikorwa na Komite Nyobozi</p> <p>Muri urwo rwego Inama y'Ubuyobozi ishinzwe by'umwihariko ibi bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Kujya inama ku murungo rusange n'amabwiriza ngenderwaho by'Umuryango;</li> <li>• Gukurikirana iyubahirizwa ry'aya mategeko shingiro;</li> <li>• Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo n'ibyifuzo by'Inteko Rusange;</li> <li>• Kwemeza raporo y'ibyakozwe mu mwaka urangiye ishyikirizwa Inteko Rusange;</li> <li>• Kwemeza umushinga w'ingengo y'imari igomba gushyikirizwa Inteko Rusange;</li> <li>• Kugira inama Inteko Rusange ku ngingo z'amategeko shingiro n'iz'amabwiriza ngenamikorere zahinduka;</li> </ul>	<p>peuvent pas être membres du Comité Exécutif de l'Organisation.</p> <p><b><u>Article 20 :</u></b> Le Conseil d'Administration est investi des pouvoirs les plus étendus pour atteindre les objectifs de l'Organisation. En ce sens, il fournit des conseils au Comité Exécutif de l'Organisation, et une attention particulière à la mise en œuvre des décisions de l'Assemblée Générale;</p> <p>Il assure que les orientations stratégiques de l'Organisation, le budget et le programme annuel d'activités, tel qu'approuvé par l'Assemblée Générale sont mis en œuvre par le Comité exécutif.</p> <p>Dans ce sens, le Conseil d'Administration est chargé de :</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Donner la ligne directrice et superviser les activités de l'Organisation;</li> <li>• Assurer le respect des statuts de l'Organisation ;</li> <li>• Faire le suivi de l'exécution des décisions et des recommandations de l'Assemblée Générale ;</li> <li>• Adopter le rapport annuel d'activités de l'exercice écoulé à soumettre à l'Assemblée Générale ;</li> <li>• Adopter les prévisions budgétaires à soumettre à l'Assemblée Générale ;</li> <li>• Proposer à l'Assemblée Générale les modifications aux statuts et au règlement d'ordre intérieur;</li> <li>• Donner les avis sur la préparation des</li> </ul>	<p>Board may not be members of the Executive Committee of the Organization</p> <p><b><u>Article 20:</u></b> The Board of Directors is vested with the broadest powers to achieve the objectives of the Organization. In this sense, it provides guidance to the Executive Committee of the Organization, and particular attention to the implementation of decisions of the General Assembly;</p> <p>It ensures that the strategic directions of the Organization, the budget and the annual program of activities of the Organization, as approved by the General Assembly are implemented by the Executive Committee.</p> <p>The Board of Directors has the following specific duties:</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• To develop policy and general guidelines to be followed by the Organization;</li> <li>• To ensure Compliance with the present statutes;</li> <li>• To follow up the implementation of the decisions and recommendations of the General Assembly;</li> <li>• To approve annual reports of the organization to submit to the approval of the General Assembly;</li> <li>• To approve budget provisions to submit to the approval of the General Assembly;</li> <li>• To propose to the General Assembly the amendments to the constitution and</li> </ul>
--	---	---



<ul style="list-style-type: none"> <li>• Kujya inama ku itegurwa ry' inama z'Inteko Rusange;</li> <li>• Kugira uruhare mu gushakisha inkunga mu bafatanyabikorwa.</li> </ul> <p><b><u>Ingingo ya 21:</u></b> Inama y'Ubuyobozi iterana kabiri (2) mu mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa, ihamagawe kandi iyobowe na Perezida, yaba adahari cyangwa atabonetse, bigakorwa na Visi-Perezida.</p> <p>Iterana mu buryo bwemewe iyo hari 2/3 by'abayigize. Ibyemezo bifatwa hakurikijwe ubwiganze busesuye iyo hatabayeho ubwumvikane. Iyo amajwi angana, irya Perezida rigira uburemere bwa babiri.</p> <p><b><u>Igice cya gatatu: Komite Nyobozi</u></b> <b><u>Ingingo ya 22:</u></b> Komite Nyobozi y'Umuryango igizwe na Perezida, ari we muvugizi w'Umuryango, na Visi Perezida ariwe muvugizi wungirije n'Umunyamabanga Mukuru. Ubuyobozi Bukuru bw'Umuryango bushinzwe Perezida wa Komite Nyobozi ushyikiriza ibyo akora Inteko rusange. Atorwa, mu banyamuryango nyakuri b'Umuryango n'Inteko rusange mu gihe cya manda y'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa. Visi Perezida asimburwa Perezida iyo adahari atorwa n'Inteko rusange mu gihe cya manda y'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa, mu bagize umuryango . Perezida wa Komite Nyobozi yunganirwa</p>	<p>sessions de l'Assemblée Générale ;</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• Contribuer à négocier les financements avec les partenaires</li> </ul> <p><b><u>Article 21 :</u></b> Le Conseil d'Administration se réunit deux (2) fois par an et autant de fois que de besoin, sur convocation et sous la direction de son Président et en cas d'absence, du Vice-Président.</p> <p>Il siège et délibère valablement à la majorité de 2/3 des membres. Ses décisions sont prises à la majorité simple de voix lorsqu'il n'y a pas de consensus. En cas de parité de voix, celle du Président compte double.</p> <p><b><u>Section troisième: Le Comité Exécutif</u></b> <b><u>Article 22 :</u></b> Le Comité Exécutif de l'Organisation est composé du Président qui est le représentant légal, du Vice-Président, qui est le représentant légal suppléant et du Secrétaire Général. L'administration générale de l'Organisation est assurée par un Président responsable devant l'Assemblée générale. Il est nommé par l'Assemblée Générale parmi les membres effectifs de l'Organisation pour un mandat de cinq (5) ans renouvelable. Le Vice Président remplace le Président en cas d'absence, il est élu par l'Assemblée Générale pour un mandat de cinq (5) ans renouvelable parmi les membres ordinaires de l'Organisation. Le Président du Comité Exécutif est assisté par</p>	<p>the internal regulations;</p> <ul style="list-style-type: none"> <li>• To advise on the preparation of the sessions of the General Assembly;</li> <li>• To negotiate funding with partners.</li> </ul> <p><b><u>Article 21:</u></b> The Board of Directors meets as often as necessary but obligatorily two times a year. It is convened by the President or in case of absence, by the Vice-President. It legally sits and deliberates when it gathers the 2/3<sup>rd</sup> of the members. Its resolutions are valuable when voted by the simple majority in case of lack of consensus. In case of equal votes, the President has the casting vote.</p> <p><b><u>Section Three: The Executive Committee</u></b> <b><u>Article 22:</u></b> The Executive Committee of the Organization is composed by the President as legal representative, the Vice president as deputy legal representative and the Secretary General. At the Head of the Organization's administration is the President who reports to the General Assembly. He is appointed by the General Assembly from among the effective members of the organization for a term of five (5) years renewable. The Vice President replaces the President in case of absence, he is appointed by the General Assembly from among the members of the organization for a term of five (5) years renewable. The President of the Executive Committee is</p>
---	---	--

<p>n'Umunyamabanga Mukuru ushinzwe imirimo ya buri muni y'ubuyobozi, iya tekini n'imali, ashirikiza ibyo akora Perezida wa Komite Nyobozi. Ashyirwaho n'Inteko rusange bisabwe na Perezida wa Komite Nyobozi mu gihe cya manda y'imyaka ine (4) ishobora kongerwa.</p> <p>Komite Nyobozi yunganirwa mu mirimo ya buri muni n'abakozi bahoraho bo mu Buyobozi Bukuru. Abakozi bo mu Buyobozi Bukuru bagizwe n'Umunyamabanga mukuru wungirije ushinzwe guteza imbere ubushakashatsi, Umunyamabanga Mukuru wungirije ushinzwe imali n'umutungo, Umunyamabanga mukuru wungirije ushinzwe iby'amategeko, abayobozi b'imishinga n'abandi bakozi mu milimo ya tekini ya buri muni.</p> <p><b><u>Ingingo ya 23:</u></b> Komite Nyobozi y'Umuryango ishinzwe imirimo ikurikira:</p> <p>1° gutegura no gushyikiriza Inteko Rusange igenamigambi ry'igihe gito, riciriritse n'igihe kirekire ry'imishinga yose y'Umuryango;</p> <p>2° gutegura no gushyikiriza Inteko Rusange gahunda y'ibikorwa by'umwaka;</p> <p>3° guteza imbere umubano n'izindi nzego zihuje intego n'Umuryango;</p> <p>4° gucunga neza umutungo n'imali by'Umuryango ;</p> <p>5° gutegura no gushyikiriza Inteko Rusange</p>	<p>un Secrétaire Général qui s'occupe de la gestion journalière des affaires administratives, techniques et financières de l'Organisation et est responsable devant le Président du Comité Exécutif. Il est nommé par l'Assemblée Générale sur proposition du Président du Comité Exécutif et pour un mandat de quatre (4) ans renouvelable.</p> <p>L'Administration Générale de l'Organisation comprend également, le Secrétaire Général adjoint chargé de la promotion de la recherche, le Secrétaire général adjoint aux finances, le Secrétaire général adjoint chargé des Services Juridiques, le Secrétaire général adjoint chargé de projets et de la mobilisation des fonds, les directeurs de projets et d'autres membres du personnel administratif et technique de l'Organisation.</p> <p><b><u>Article 23:</u></b> Le Comité Exécutif de l'Organisation aura les responsabilités suivantes:</p> <p>1 ° préparer et soumettre à l'Assemblée Générale la planification à court, moyen et long terme des projets de l'Organisation;</p> <p>2° préparer et soumettre à l'Assemblée Générale de l'Organisation, un plan d'action annuel ;</p> <p>3° promouvoir la coopération avec d'autres organisations qui partagent la même mission;</p> <p>4° assurer l'utilisation et la gestion des finances et du patrimoine de l'Organisation ;</p> <p>5° élaborer les rapports annuels d'activités et financiers et les soumettre à l'Assemblée</p>	<p>assisted by a Secretary general, who is in charge of the day to day running of the organization's administration and report to the President of the Executive committee. He is appointed by the general assembly upon proposal by the President of the Executive Committee, for a term of four years renewable.</p> <p>The personnel of the Executive Committee includes the Deputy Secretary general in charge of research promotion, the Deputy Secretary general in charge of Finance, the Deputy Secretary general in charge of Legal Services, the Deputy Secretary general in charge of projects and funds mobilization, Projects Directors and other members of the administrative and technical staff of the organization.</p> <p><b><u>Article 23:</u></b> The Executive Committee of the Organization shall have the following responsibilities:</p> <p>1° to prepare and submit to the general assembly a short, mid and long term draft planning for the Organization;</p> <p>2° to prepare and submit to the General Assembly an annual action plan;</p> <p>3° to promote cooperation with other organizations with the same mission;</p> <p>4° to ensure the use and management of finance and property of the organization;</p> <p>5° to draft the overall annual activity and financial reports and submit them to the</p>
---	--	---

<p>raporo y'ibikorwa n'umutungo by'umwaka ; 6° guhuza ibikorwa byose by'Umuryango;</p> <p>7° gushyira mu bikorwa ibyemezo by' Inteko Rusange ; 8° gushyira hamwe no kubika inyandiko zose ziyanyeye n'ibikorwa n'inshingano z'Umuryango ;</p> <p>9° gutegura no gushyikiriza umushinga w'ingengo y'imali ya buri mwaka Inteko Rusange ;</p> <p>10° kubera umunyamabanga Inama y'Ubuyobozi n'Inteko y'Ubushakashatsi;</p> <p>11° gucunga abakozi no kubakorera isuzuma ;</p> <p>12° gukora indi mirimo yose yasabwa n'Inteko Rusange ijyanye n'intego n'inshingano by'Umuryango.</p>	<p>Générale 6° coordonner toutes les activités de l'Organisation; 7° mettre en application les décisions approuvées par l'Assemblée Générale ; 8° de rassembler et de garder les documents de toutes catégories relatives aux activités et au mandat de l'Organisation;</p> <p>9° préparer et soumettre à l'Assemblée Générale le projet de budget de l'Organisation ;</p> <p>10° agir comme rapporteur des réunions du Conseil d'Administration et du Conseil Scientifique;</p> <p>11° gérer le personnel de l'Organisation et conduire leur évaluation;</p> <p>12° exécuter toute autre tâche qui peut lui être attribué par l'Assemblée Générale par rapport à la mission et aux responsabilités de l'Organisation.</p>	<p>General Assembly; 6° to coordinate all the activities of the Organization; 7° to implement the decisions approved by the General Assembly; 8° to gather and keep documents of all categories relating to activities and mandate of the Organization;</p> <p>9° to prepare and submit to the General Assembly the draft budget of the Organization;</p> <p>10° to act as rapporteur for the meetings of the Board of Directors and the Scientific Counsel;</p> <p>11° to manage the staff of the Organization and to carry out their evaluation;</p> <p>12° to carry out any other duties as may be assigned by the General Assembly in relation to the responsibilities of the Organization.</p>
<p><b><u>Igice cya kane: Inteko y'Ubushakashatsi</u></b> <b><u>Ingingo 24:</u></b> Inteko y'ubushakashatsi igizwe n'abahanga b'abanyarwanda n'abanyamahanga bafite ubumenyi buhanitse mu bijyanye no kubaka amahoro, imiyoborere ya demokarasi n'iterambere. Abagize uru rwego bashyirwaho n'inteko rusange bisabwe na Komite Nyobozi, bamara manda y'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 25 :</u></b> Inteko y'Ubushakashatsi itanga inama ku mironko migali na gahunda y'ibikorwa ariko</p>	<p><b><u>Section quatrième : Le Conseil de recherche</u></b> <b><u>Article 24:</u></b> Le Conseil de recherche se compose d'éminents scientifiques, Rwandais et Etrangers, ayant une expertise dans la consolidation de la paix et la gouvernance démocratique. Les membres du Conseil de recherche sont nommés par l'Assemblée Générale sur proposition du Comité Exécutif pour un mandat de cinq (5) ans renouvelable.</p> <p><b><u>Article 25 :</u></b> Le Conseil de Recherche émet des avis et des propositions relatives au plan stratégique, aux</p>	<p><b><u>Section Four: The Research Council</u></b> <b><u>Article 24:</u></b> The Research Council consists of eminent scientists, Foreigners and Rwandans, with expertise in peace and democratic governance. Members of the Research Council are appointed by the General Assembly upon proposal by the Executive Committee for a term of five (5) years renewable.</p> <p><b><u>Article 25:</u></b> The Research Council issues advisory opinions and proposals on the strategic plan, programs</p>

<p>by'umwihariko ku bikorwa by'ubushakashatsi. Iterana rimwe (1) mu mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wa Komite Nyobozi</p>	<p>programmes et activités de l'Organisation et surtout sur les activités de recherche. Il se réunit une fois (1) l'année et autant de fois que de besoin sur convocation du Président du Comité Exécutif.</p>	<p>and activities of the Organization especially on research activities. It meets once (1) a year and when necessary, convened by the President of the Executive Committee.</p>
<p><b><u>Igice cya gatanu: Urwego rushinzwe gukemura amakimbirane</u></b></p>	<p><b><u>Section cinquième : De l'organe chargé de résolution des conflits</u></b></p>	<p><b><u>Section Five: The conflict resolution organ</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo 26</u></b></p>	<p><b><u>Article 26</u></b></p>	<p><b><u>Article 26</u></b></p>
<p>Inteko Rusange itora mu banyamuryango nyakuri, urwego rushinzwe gukemura amakimbirane rugizwe n'abantu batatu (3), batorerwa igihe cy'imyaka itatu (3) kandi bashobora kongera gutorwa. Amakimbirane yose avutse mu muryango cyangwa hagati y'inzege zawo agomba kubanza gukemurwa n'urwego rushinzwe gukemura amakimbirane. Iyo ubwo buryo bunaniranye, uruhande rubyifuje rushyikiriza ikirego urukiko rw'u Rwanda rubifitiye ububasha.</p>	<p>L'Assemblée Générale nomme un organe chargé de résolution des conflits composé de trois (3) membres pour un mandat de trois (3) ans renouvelable. Tout litige qui surgit au sein de l'organisation ou entre les organes de cette dernière doit être préalablement réglé par cet organe.</p>	<p>The General Assembly elects an organ of conflict resolution composed of three (3) effective members for a period of three (3) years renewable. Any conflict that arises in the organization or among its organs shall be first resolved by this organ.</p>
<p><b><u>Ingingo 27:</u></b></p>	<p><b><u>Article 27:</u></b></p>	<p><b><u>Article 27:</u></b></p>
<p>Urwego rushinzwe gukemura amakimbirane ruterana igihe cyose bibaye ngombwa. Ruhamagarwa kandi rukayoborwa na Perezida warwo. Iyo adahari cyangwa atabonetse bikorwa na Visi Perezida warwo. Ruterana mu buryo bwemewe iyo hari 2/3 by'abarugize. Ibyemezo byarwo bifatwa hakurikijwe ubwiganze busesuye iyo hatabonetse ubwumvikane bw'abarugize.</p>	<p>L'organe chargé de résolution des conflits se réunit autant de fois qu'il est nécessaire. Il est convoqué et dirigé par son Président ou en cas de son absence par son Vice-Président. Il siège valablement lorsque les 2/3 de ses membres sont présents. Ses décisions sont prises à la majorité absolue lorsqu'il n'y a pas de consensus.</p>	<p>The organ of conflict resolution meets as often as necessary. It is convened and chaired by its President, or in case of his absence, by the Vice-President. It legally meets when it gathers the 2/3 of the members. Its resolutions are valid when voted by the absolute majority in case of lack of consensus.</p>
<p><b><u>Igice cya 6: Urwego rushinzwe ubugenzuzi bw'imari</u></b></p>	<p><b><u>Section sixième: Du Commissariat aux comptes</u></b></p>	<p><b><u>Section Six: The Financial audit organ</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 28:</u></b></p>	<p><b><u>Article 28:</u></b></p>	<p><b><u>Article 28:</u></b></p>
<p>Inteko Rusange ishagiraho buri mwaka Abagenzuzi b'Imari babiri (2) bafite inshingano yo kugenzura buri gihe imicungire</p>	<p>L'Assemblée Générale nomme annuellement deux (2) commissaires aux comptes ayant pour mission de contrôler en tout temps la gestion</p>	<p>The General Assembly appoints annually two (2) auditors mandated with the control at any time of the management of financial accounts</p>

<p>y'imari n'indi mitungo by'umuryango no kubikorera raporo. Bafite uburenganzira bwo kureba mu bitabo n'inyandiko by'ibaruramari by'umuryango ariko batabijyanye hanze y'ububiko.</p> <p><b><u>UMUTWE WA IV: IBYEREKEYE</u></b> <b><u>UMUTUNGO</u></b> <b><u>Ingingo ya 29:</u></b> Umuryango ushobora gutira no gutunga ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa ukeneye kugirango ugere ku ntego zawo.</p> <p><b><u>Ingingo ya 30:</u></b> Umutungo w'Umuryango ukomoka ku misanzu y'abanyamuryango, impano, imirage, imfashanyo zinyuranye n'umusaruro ukomoka ku bikorwa by'Umuryango.</p> <p><b><u>Ingingo ya 31:</u></b> Umuryango ugenera umutungo wawo ibikorwa byose byatuma ugera ku ntego zawo ku buryo buziguye cyangwa butaziguye; Nta munyamuryango ushobora kuwiyitirira cyangwa ngo agire icyo asaba igihe asezeye ku bushake, iyo yirukanywe cyangwa iyo Umuryango usheshwe.</p> <p><b><u>Ingingo ya 32:</u></b> Igihe Umuryango usheshwe, hamaze gukorwa ibarura ry'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa by'umuryango no kwishyura imyenda, umutungo usigaye uzahabwa undi muryango bihuje intego.</p>	<p>des finances et autre patrimoine de l'organisation et en faire rapport. Ils ont accès aux livres et écritures comptables de l'Organisation sans toutefois les déplacer.</p> <p><b><u>CHAPITRE IV : DU PATRIMOINE</u></b> <b><u>Article 29 :</u></b> L'Organisation peut posséder, soit en jouissance, soit en propriété, les biens meubles et immeubles nécessaires à la réalisation de ses objectifs.</p> <p><b><u>Article 30 :</u></b> Les ressources de l'Organisation proviennent des contributions des membres, des dons, des legs, des subventions diverses et des revenus générés par les activités de l'Organisation.</p> <p><b><u>Article 31 :</u></b> L'Organisation affecte ses ressources à tout ce qui concourt directement ou indirectement à la réalisation de ses objectifs ; Aucun membre ne peut s'en arroger le droit de possession ni en exiger une part quelconque en cas de démission, d'exclusion ou de dissolution de l'Organisation.</p> <p><b><u>Article 32 :</u></b> En cas de dissolution, après inventaire des biens meubles et immeubles de l'Organisation et apurement du passif, l'actif restant est dévolu à une organisation ayant une mission similaire.</p>	<p>and other properties of the Organization and give report. They have access to the accounting books of the Organization without displacing them.</p> <p><b><u>CHAPTER IV: THE ASSETS OF THE CENTER</u></b> <b><u>Article 29:</u></b> The Organization may hire or own furniture and infrastructure properties needed to realize its objectives.</p> <p><b><u>Article 30:</u></b> The assets of the organization come from the contributions of the members, donations, legacies, various subsidies and revenues generated activities of the Organization.</p> <p><b><u>Article 31:</u></b> The Organization designs its assets to all that can directly or indirectly contribute to the realization of its objectives; No member has the right to own it or claim any share in case of voluntary resignation, exclusion or dissolution of the Organization.</p> <p><b><u>Article 32:</u></b> In case of dissolution of the Organization, after the inventory of all assets and infrastructures, and after clearing all debts if any, the remaining assets shall be allocated to any other organization of the same objectives.</p>
---	--	--

<p><b><u>UMUTWE WA V: IHINDURWA RY'AMATEGEKO N'ISESWA RY'UMURYANGO</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 33:</u></b> Aya mategeko ashobora guhindurwa byemejwe n'Inteko Rusange ku bwiganze busesuye bw'amajwi, bisabwe na Komite Nyobozi cyangwa na kimwe cya kabiri cy'abagize Inteko Rusange.</p> <p><b><u>Ingingo ya 34:</u></b> Byemejwe ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu 2/3 by'amajwi, Inteko Rusange ishobora gusesa Umuryango.</p>	<p><b><u>CHAPITRE V: DES MODIFICATIONS AUX STATUTS ET DE LA DISSOLUTION DE L'ASSOCIATION</u></b></p> <p><b><u>Article 33 :</u></b> Les présents statuts peuvent faire l'objet de modifications sur décision de l'Assemblée Générale prise à la majorité absolue de voix, soit sur proposition du Comité Exécutif soit à la demande de la moitié de membres de l'Assemblée Générale.</p> <p><b><u>Article 34 :</u></b> L'Assemblée Générale, sur décision de la majorité de 2/3 de voix peut prononcer la dissolution de l'Organisation.</p>	<p><b><u>CHAPTER V: MODIFICATIONS ON THE CONSTITUTION AND COMPLETE DISSOLUTION OF THE ORGANISATION</u></b></p> <p><b><u>Article 33:</u></b> The present statutes can be modified by the General Assembly on the absolute majority of voices or on suggestion of the Executive committee or else on demand of the 2/3<sup>rd</sup> of the members of the General Assembly.</p>
<p><b><u>UMUTWE WA VI: IBYEREKEYE INGINGO ZISOZA</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 35</u></b> Uburyo aya mategeko shingiro azubahirizwa kimwe n'ibindi bidateganyijwe na yo bizasobanurwa ku buryo burambuye mu mabwiriza ngengamikorere y'Umuryango yemejwe n'Inteko Rusange.</p> <p><b><u>Umutwe wa 36</u></b> Aya mategeko yemejwe kandi ashizweho umukono n'abashinze umuryango bari ku mugereka.</p> <p>Bikorewe i Kigali, kuwa 29/04/2015</p>	<p><b><u>CHAPITRE VI: DES DISPOSITIONS FINALES</u></b></p> <p><b><u>Article 35</u></b> Les modalités d'exécution des présents statuts et tout ce qui n'y est pas prévu seront déterminés dans un règlement d'ordre intérieur de l'Organisation adopté par l'Assemblée Générale.</p> <p><b><u>Article 36</u></b> Les présents statuts sont approuvés et adoptés par les membres fondateurs de l'Organisation dont la liste est en annexe.</p> <p>Fait à Kigali, le 29/04/2015</p>	<p><b><u>CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS</u></b></p> <p><b><u>Article 35</u></b> The modalities of implementing the present constitution and any lacking provision shall be determined in the internal regulations of the Organizations of the organization adopted by the General Assembly.</p> <p><b><u>Article 36</u></b> The present constitution is hereby approved and adopted by the founder members of the Organization whose list is here after attached.</p> <p>Done in Kigali, on 29/ 04/2015</p>